

# **RAPORO Y'INAMA NKURU Y'IGIHUGU YA 10 Y'ABANA**



**20 UGUSHYINGO 2014**

## IBIRIMO

<b>IMPINAMAGAMBO .....</b>	<b>4</b>
<b>1. INTANGIRO .....</b>	<b>6</b>
<b>2. ABITABIRIYE INAMA .....</b>	<b>6</b>
<b>3. INTEGO Z'INAMA.....</b>	<b>6</b>
<b>4. IBIKORWA BY'INGENZI BYABANJIRIJE INAMA NKURU Y'IGIHUGU YA 10 Y'ABANA .....</b>	<b>7</b>
<b>4.1. INAMA Z'ABANA ZIBANZIRIZA INAMA NKURU .....</b>	<b>7</b>
<b>4.2. IKIGANIRO N'ABANYAMAKURU .....</b>	<b>7</b>
<b>4.3. IMURIKABIKORWA RY'IBYAKOZWE MU MYAKA 20 URWANDA RWIBOHOYE</b>	<b>8</b>
<b>5. IMIGENDEKERE Y'INAMA NKURU Y'IGIHUGU YA 10 Y'ABANA .....</b>	<b>11</b>
<b>5.1. UMUHANGO WO GUFUNGURA INAMA.....</b>	<b>11</b>
<b>5.1.1. FILIMI MBARANKURU IGARAGAZA IBYAKOZWE MU GUTEZA IMBERE UBURENGANZIRA BW'UMWANA MU MYAKA 20 ISHIZE U RWANDA RWIBOHOYE .</b>	<b>12</b>
<b>5.1.2. IJAMBO RY'UMWANA UHAGARARIYE ABANDI MU RWANDA .....</b>	<b>13</b>
<b>5.1.3. UBUTUMWA BW'ABANA BAHAGARARIYE ABANDI MU BIHUGU BIGIZE UMURYANGO W'IBIHUGU BY'AFURIKA Y'IBURASIRAZUBA.....</b>	<b>15</b>
<b>i. Kenya.....</b>	<b>15</b>
<b>ii. Uganda .....</b>	<b>16</b>
<b>iii. Burundi.....</b>	<b>17</b>
<b>iv. Tanzaniya.....</b>	<b>18</b>
<b>5.1.4. IJAMBO RY'UHAGARARIYE ABAFATANYABIKORWA.....</b>	<b>19</b>
<b>5.1.5. IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBURINGANIRE N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO .....</b>	<b>20</b>
<b>5.1.6. IJAMBO RY'UMUSHYITSI MUKURU.....</b>	<b>21</b>
<b>5.1.7. IGIKORWA CYO GUHEMBA ABANA BAYOBOYE INAMA NKURU Z'ABANA MU MYAKA ICUMI ISHIZE.....</b>	<b>22</b>
<b>5.2. IBIGANIRO BYATANZWE.....</b>	<b>26</b>
<b>5.2.1. UBURENGANZIRA BW'UMWANA MU MURYANGO N'UBURENGANZIRA BWO KURINDWA NO KURENGERWA .....</b>	<b>27</b>

5.2.2. UBUREZI N'UBURERE .....	28
5.2.3. UBURENGAZIRA BW'UMWANA KU BIMURANGA NO KU BWENEGIHUGU.	29
5.2.4. UBUZIMA N'UBURYO BUBEREYE BWO KWITA KU MWANA.....	30
5.2.5. IBYAGEZWEHO GUSHYIRA MU BIKORWA AMASEZERANO MPUZAMAHANGA KU BURENGAZIRA BW'UMWANA .....	31
6. IMYANZURO Y'INAMA NKURU Y'IGIHUGU YA 10 Y'ABANA.....	32
7. UMUSOZO .....	36
8. IMIGEREKA .....	37
8.1. GAHUNDA Y'UMUNSI.....	37
8.2. UBUTUMWA BW'INGENZI BWATANZWE MU NAMA .....	39
8.2.1. IJAMBO RY'UMWANA UHAGARARIYE ABANDI MU RWANDA .....	39
8.2.2. IJAMBO RY'UMWANA UHAGARARIYE KENYA.....	40
8.2.3. IJAMBO RY'UMWANA UHAGARARIYE UGANDA .....	43
8.2.4. IJAMBO RY'UMWANA UHAGARARIYE TANZANIYA.....	46
8.2.5. IJAMBO RY'UMWANA UHAGARARIYE UBURUNDI .....	47
8.2.6. IJAMBO RY'UHAGARARIYE ABAFATANYABIKORWA.....	49
8.2.7. IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBURINGANIRE N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO .....	52
8.2.8. IJAMBO RY'UMUSHYITSI MUKURU.....	54
8.3. ABANA BITABIRIYE INAMA NKURU Y'IGIHUGU YA 10 Y'ABANA .....	59
8.3.1. ABANA BAHAGARARIYE UTURERE N'IMIRENGE .....	59
8.3.2. ABANA BAHAGARARIYIE INKAMBI Z'IMPUNZI.....	81
8.3.3. ABANA BAHAGARARIYE IBINDI BIHUGU BIGIZE UMURYANGO W'AFURIKA Y'IBURASIRAZUBA.....	82

## **IMPINAMAGAMBO**

<b>ACRWC:</b>	Amasezerano y’Afurika yerekeye Uburenganzira n’Imibereho myiza by’Umwana
<b>EAC:</b>	Umuryango w’Afurika y’Iburasirazuba
<b>EE:</b>	Umuryango Nyafurika w’Ivugabutumwa
<b>AVSI:</b>	Association of Volunteers in International Service
<b>CRS:</b>	Catholic Relief Services
<b>FAWE:</b>	Forum for African Women Educationalists
<b>FIDESCO:</b>	Fondation Internationale pour le Développement Socio-Spirituel au Service de la Coopération
<b>GMO:</b>	Urwego rw’Igihugu Rushinzwe Kugenzura Iyubahirizwa ry’Uburinganire hagati y’Abagore n’Abagobo
<b>MIDIMAR:</b>	Minisiteri y’Imicungire y’Ibiza no Gucyura Impunzi
<b>MIGEPROF:</b>	Minisiteri y’Uburinganire n’Iterambere ry’Umuryango
<b>MINAGRI:</b>	Minisiteri y’Ubuhinzi n’Ubworozi
<b>MINALOC:</b>	Minisiteri y’Ubutegetsi bw’ Igihugu
<b>MINEDUC:</b>	Minisiteri y’Uburezi
<b>MINIJUST:</b>	Minisiteri y’Ubutabera
<b>MININTER:</b>	Minisiteri y’Umutekano mu Gihugu
<b>MYICT:</b>	Minisiteri y’Urubyiruko n’Ikoranabuhanga mu Isakazabumenyi
<b>NCC:</b>	Komisiyo y’Igihugu ishinzwe Abana
<b>NCPD:</b>	Inama y’Igihugu y’Abantu bafite Ubumuga
<b>NIDA:</b>	Ikigo cy’Igihugu gishinzwe Indangamuntu
<b>REB:</b>	Ikigo cy’Igihugu gishinzwe Guteza imbere Uburezi mu Rwanda
<b>RNP:</b>	Polisi y’Igihugu
<b>RSSB:</b>	Ikigo cy’Igihugu gishinzwe Ubwiteganyirize
<b>UN:</b>	Umuryango w’Abibumbye
<b>UNCRC:</b>	Amasezerano y’Umuryango w’Abibumbye yerekeye Uburenganzira bw’Umwana
<b>UNHCR:</b>	Ishami ry’Umuryango w’Abibumbye ryita ku Mpunzi



**UNICEF:** Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana

**WFP:** Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Biribwa ku Isi

## **1. INTANGIRIRO**

Kuva mu mwaka wa 2004, Leta y’U Rwanda yatangije Inama Nkuru y’Igihugu y’Abana. Mu mwaka wa 2014, Inama Nkuru y’Igihugu yabaye ku nshuro ya 10, ibera mu Ngoro y’Inteko Ishinga amategeko ku Kimihurura kuwa 20 Ugushyingo. Insanganyamatsiko y’iyi nama yagiraga iti “Imyaka 20 irashize: Dukomeze Duteze imbere Uburenganzira bw’Umwana”. Iyi nama ikaba yaribanze ku kugaragaza no kwishimira ibimaze kugerwaho mu myaka 20 ishize u Rwanda rwibohoye. Inama Nkuru y’Igihugu ya 10 y’Abana yahujwe kandi no kwizihiza isabukuru y’imyaka 25 hagiye Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira bw’Umwana (UNCRC).

## **2. ABITABIRIYE INAMA**

Inama Nkuru y’Igihugu ya 10 y’Abana yitabiriwe n’abana 504 bagizwe na:

- Abana 416 baje bahagarariye Imirenge yose yo mu Gihugu;
- Abana 30 bahagarariye Uturere twose two mu Gihugu;
- Abana 30 bahagarariye abana bafite ubumuga ku rwego rw’Akarere;
- Abana 10 bahagarariye inkambi z’impunzi 5 ziri mu Rwanda;
- Abana 18 baje bahagarariye Ibihugu bigize Umuryango w’Afurika y’Iburasirazuba.

Iyi nama yitabiriwe kandi n’abayobozi bo ku nzego za Leta n’iz’abafatanyabikorwa batandukanye harimo n’abayobozi b’Uturere twose two mu Gihugu.

## **3. INTEGO Z’INAMA**

Intego nyamukuru y’Inama Nkuru y’Igihugu ya 10 y’Abana kwari uguhuriza hamwe abana bahagarariye abandi, abayobozi bakuru bo ku rwego rw’Igihugu ndetse n’abahagarariye abafatanyabikorwa kugira ngo bishimire kandi banagaragaze ibimaze kugerwaho n’u Rwanda mu myaka 20 ishize mu guteza imbere uburenganzira bw’umwana hagamijwe gushyiraho ingamba z’uburyo bwarushaho kwimakazwa.

**By'umwihariko iyi nama yari igamije:**

- Kugaragaza ibikorwa by'indashyikirwa byagezweho mu guteza imbere uburenganzira bw'umwana mu Rwanda;
- Kwerekana ibikwiye gukosorwa n'ahari icyuho mu bikorwa bitandukanye bikorerwa abana hagamijwe kugaragaza ibikwiye kwitabwaho mu gihe kizaza;
- Guha abana urubuga rwo kwishimira ibyabakorewe no kubaha uruhare mu gutanga umuti w'ibibazo bikibabangamira.

## **4. IBIKORWA BY'INGENZI BYABANJIRIJE INAMA NKURU Y'IGIHUGU YA 10 Y'ABANA**

### **4.1. INAMA Z'ABANA ZIBANZIRIZA INAMA NKURU**

Mbere y'Inama Nkuru y'Igihugu ya 10 y'Abana, hagati y'itariki 28 Ukwakira n'itariki ya 3 Ugushyingo 2014, abana bose bo mu Gihugu bahuriye mu Tugari baganira ku buryo bwimbitse ku bijyanye n'insanganyamatsiko y'uyu mwaka ndetse banishimira ibimaze kugerwaho mu guteza imbere uburenganzira bw'umwana mu Rwanda mu myaka 20 ishize rwibohoye. Izi nama zikaba zarabaye n'umwanyaabana bakusanyirijemo ibitekerezo bizashingirwaho mu biganiri by'umunsi nyir'izina w'Inama Nkuru y'Igihugu ya 10 y'Abana.

### **4.2. IKIGANIRO N'ABANYAMAKURU**

Mu myiteguro y'Inama Nkuru y'Igihugu ya 10 y'Abana hakozwemo n'ikiganiro n'abanyamakuru. Muri iki kiganiro cyayobowe na Nyakubahwa Gasinzigwa Oda, Minisitiri w'uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, abanyamakuru bakorera ibitangazamakuru bitandukanye mu Rwanda no mu Karere bagejejweho ibijyanye n'imyiteguro y'inama.



Nyakubahwa Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (uwa gatatu uvuye ibumoso) mu kiganiro n'abanyamakuru

### **4.3. IMURIKABIKORWA RY'IBYAKOZWE MU MYAKA 20 URWANDA RWIBOHOYE**

Inama Nkuru y'Igihugu ya 10 y'Abana yabanjirijwe kandi n'imurikabikorwa ry'inzego za Leta, izigenga ndetse n'iz'abandi bafatanyabikorwa ba Leta ku bikorwa bitandukanye bakora mu guteza imbere imibereho myiza y'abana. Iri murikabikorwa rikaba ryaritabiriwe n'inzego zikurikira arizo: MIGEPROF, MINEDUC, MINIJUST, NCC, Imbutu Foundation, UNICEF, World Relief, World Vision, Plan International, Handicap International, Edition Bakame, Right To Play, Haguruka, CRS, AEE RWANDA, ASSOCIATION UMWANA NK'ABANDI, AVSI RWANDA, Care International RWANDA, FAWE RWANDA, FIDESCO RWANDA, Global Communities, Hope and Homes for Children, International

Justice Mission, Rwanda Red Cross, Save the Children, SOS Children's Villages na UYISENGA N'IMANZI.



**Nyakubahwa Minisitiri w'Uburunganire n'Iterambere ry'Umuryango GASINZIGWA Oda asura ibyamuritswe na UNICEF**





**Nyakubahwa Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango GASINZIGWA Oda na Bwana NGABONZIZA Damien, Perezida w'Inama y'Abakomiseri ba Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana basura ibyamuritswe, mu imurikabikorwa ry'abafatanyabikorwa.**



Nyakubahwa Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango GASINZIGWA Oda ndetse n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana Madamu Zaina NYIRAMATAMA barimo barakurikirana imirimo y'imurikabikorwa

## **5. IMIGENDEKERE Y'INAMA NKURU Y'IGIHUGU YA 10 Y'ABANA**

### **5.1. UMUHANGO WO GUFUNGURA INAMA**

Nk'uko bisanzwe abana nibo biyoboreye imirimo y'Inama Nkuru y'Igihugu ya 10 y'Abana. Ibi bikaba birushaho gushimangira ihame ryo guteza imbere uburenganzira bw'umwana ku bimukorerwa. Ibi kandi bituma abana barushaho kwigirira icyizere no gutanga ibitekerezo bashize amanga.





Umuhoza Laurence wari umuhuzabikorwa w'ibiganiro arimo aratangariza abitabiriye inama gahunda y'umunsi.

### **5.1.1. FILIMI MBARANKURU IGARAGAZA IBYAKOZWE MU GUTEZA IMBERE UBURENGANZIRA BW'UMWANA MU MYAKA 20 ISHIZE U RWANDA RWIBOHOYE**

Inama Nkuru y'Igihugu ya 10 y'Abana yatangiye herekanwa filimi mbarankuru igaragaza ibikorwa by'indashyikirwa byakorewe abana mu myaka 20 ishize u Rwanda rwibohoye. Iyi filimi ikaba yaravugaga ku bimaze kugerwaho bishingiye ku nkingi 7 za Politike ikomatanya uburenganzira bwose bw'umwana.

### 5.1.2. IJAMBO RY'UMWANA UHAGARARIYE ABANDI MU RWANDA



**Uwase Hirwa Honorine Umwana uhagarariye abandi mu Rwanda ageza ijambo ku bitabiriye Inama Nkuru y'Igihugu ya 10 y'Abana**

Mu izina ry'abana bose mu Gihugu, umwana uhagarariye abandi mu Rwanda, Honorine Hirwa Uwase mu ijambo rye yavuze ko abana bose bishimira intambwe u Rwanda rumaze gutera mu guteza imbere abanyarwanda. By'umwihariko yavuze ko abana bishimira kuba barashyiriweho iri huriro ribahuza bagatanga umusanzu wabo mu iterambere ry'Igihugu. Akaba yarashimiye ubuyobozi bw'Igihugu cyane Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ndetse na Madamu we uburyo bakunda abana. Ibyo bikaba bibaha umurongo ndetse n'amahirwe yo kuzaba abanyarwanda beza bifitiye akamaro ndetse bagafitiye n'Igihugu cyabo. Mu ijambo rye umwana uhagarariye abandi yashimiye kandi abana bagenzi be baje bahagarariye abandi bo mu Karere k'Afurika y'Iburasirazuba kuba baremeye ubutumire bwabo bakaza kwifatanya nabo muri ibyo birori. Yasoje ijambo rye asaba ko imyanzuro izava muri iyi nama yazashyirwa mu bikorwa n'inzego bireba.



**Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe Anastase MUREKEZI hamwe n'umwana uhagarariye abandi ku rwego rw'Igihugu UWASE HIRWA Honorine.**



### 5.1.3. UBUTUMWA BW'ABANA BAHAGARARIYE ABANDI MU BIHUGU BIGIZE UMURYANGO W'IBIHUGU BY'AFURIKA Y'IBURASIRAZUBA

#### i. Kenya



**Hope Mbuthi Nyokabi Umwana uhagarariye Kenya ageza ijambo ku bitabiriye inama**

Mu ijambo rye, umwana wari uhagarariye abana baje baturutse muri Kenya yatangiye ashimira u Rwanda kuba rwarabatumiye muri iyi nama. Akaba yaragaragaje bimwe mu byagezweho mu guteza imbere uburenganzira bw'abana muri Kenya ahereye kuri amwe mu mategeko na politike zitandukanye zashyizweho. Akaba yarashimiye ibikorera abana mu Rwanda ibindi Bihugu byo mu Karere bikwiye kwigiraho nko kuba harashyizweho amahuriro y'abana ndeste n'Inama Nkuru y'Igihugu y'Abana ngarukamwaka, Komisiyo y'Igihugu ishinze Abana na gahunda yo gukingira abana b'abakobwa inkondo y'umura n'ibindi.

## ii. Uganda



### **Isabella Kansiime umwana uhagariye Uganda ageza ijambo ku bitabiriye inama**

Kimwe n'abandi bana, umwana uhagarariye abandi baturutse muri Uganda yatangiye ashima abateguye Inama Nkuru y'Igihugu ya 10 y'Abana. Akaba yaragaragaje ibyakorewe abana muri Uganda harimo nko gushyira umukono ku Masezerano Mpuzamahanga ku Burenganzira bw'Umwana, kuba harashyizweho Inama Nkuru y'Abana, kuba uburezi bw'ibanze mu mashuri ari itegeko kandi ari ubuntu no gufasha abana n'abagore bafite ubwandu bwa Sida kuvurwa ku buntu. Nk'uko uyu mwana yabitangaje, kwitabira iyi nama byabafashije kwigira ku Rwanda gahunda nziza zo guteza imbere uburenganzira bw'abana zirimo amahuriro y'abana, Inama y'Igihugu y'Abana iba buri mwaka ndetse n'indangagaciro zidasanzwe basanze mu bana b'abanyarwanda nko gukunda Igihugu no kwigirira icyizere. Mu izina ry'abandi bana yaje ahagarariye, yavuze ko kubera ibyo bigiye mu Rwanda bagiye gutegura bwa mbere mu Gihugu cyabo Inama Nkuru y'Igihugu y'Abana muri 2015.

### iii. Burundi



**Cynthia Nikuze umwana uhagarariye abana baje bahagarariye U Burundi ageza ijambo ku bitabiriye inama**

Mu ijambo rye umwana uhagarariye Igihugu cy'Uburundi yibanze ku kugaragaza bimwe mu bikorwa by'indashyikirwa bikorerwa abana mu Burundi birimo:

- Kwandika abana bavuka;
- Uburezi bw'ibanze kandi bw'ubuntu ku bana bose;
- Ubuvuzi bw'ubuntu ku bana bose batarageza ku myaka itanu;
- Ishyirwaho ry'amakomite ashinzwe kurengera abana ku nzego zose z'Igihugu.



#### iv. Tanzaniya



**Samira Aboubakar Muhamed Ali, Umwana uhagarariye Tanzaniya ageza ijambo ku bitabiriye inama**

Umwana uhagarariye abandi bana baje bavuye muri Tanzaniya yatangiyeye ashima abateguye iyi nama. Uyu mwana akaba yaravuze ko iyi nama ikwiye kwibutsa Ibihugu bigize Afurika y'Iburasirazuba gushyira ingufu mu bikorwa bikorerwa abana. Uyu mwana yakomeje agaragaza iby'ingenzi byagezweho muri Tanzaniya mu guteza imbere uburenganzira bw'umwana birimo:

- Gushyiraho amategeko agamije kurengera abana;
- Gushyiraho umurongo wa telefone utishyurwa wo guha abana urubuga rwo kugaragaza ibibabangamiye kugira ngo bahabwe ubufasha runaka.



#### 5.1.4. IJAMBO RY’UHAGARARIYE ABAFATANYABIKORWA



**Bwana Lamin MANNEH uhagarariye amashami y’Umuryango w’Abibumbye mu Rwanda atanga ubutumwa mu izina ry’abafatanyabikorwa ba Leta y’u Rwanda**

Mu izina ry’abafatanyabikorwa ba Leta y’u Rwanda mu bikorwa bigamiye guteza imbere uburenganzira bw’umwana, Bwana Lamin MANNEH umuhuzabikorwa w’amashami y’umuryango w’abibumbye mu Rwanda mu ijambo rye yatangiye avuga ko u Rwanda n’abayobozi barwo bakwiye kwishimira byinshi bakoreye abana. Akaba yarakomeje avuga ko ibyo byose byagezweho kuko abana iyo bavuze Igihugu cyabo kibumva. Bwana Lamin Manneh yarangije avuga ko abafatanyabikorwa ba Leta bazakomeza kugira uruhare rugaragara mu guteza imbere uburenganzira bw’umwana.

### 5.1.5. IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBURINGANIRE N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO



**Nyakubahwa Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango GASINZIGWA Oda ageza ijambo ku bitabiriye Inama Nkuru y'Igihugu ya 10 y'Abana**

Nyakubahwa Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango Madamu Gasinzigwa Oda mu ijambo rye yahamagariye ababyeyi kwita ku burere bwiza bw'abana babo. Yakomeje abasaba kubahiriza inshingano zabo batega amatwi abana kandi bakubahiriza uburenganzira bwabo. Ibi bikaba bifasha abana kubahiriza uburenganzira bw'abandi.

### 5.1.6. IJAMBO RY'UMUSHYITSI MUKURU



**Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe Anastase MUREKEZI ni we wari umushyitsi mukuru**

Umushyitsi mukuru mu Nama Nkuru y'Igihugu ya 10 y'Abana yari Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe Anastase MUREKEZI. Mu butumwa yatanze mu izina rya Perezida wa Repubulika y'U Rwanda, yatangiye agaragaza ibimaze kugerwaho na Leta y'u Rwanda mu guteza imbere uburenganzira bw'umwana mu nzego zitandukanye. Nko mu burezi yagarutse ku gikorwa cy'indashyikirwa cyo kuba haragiye uburenzi bw'ibanze bw'imyaka 9 na 12 mu rwego rwo guha abana bose amahirwe yo kwiga kandi ku buntu. Mu ijambo rye Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe akaba yarasabye abana kurangwa n'ubutwari no gukunda Igihugu, kuvugisha ukuri no kwanga umugayo ndetse no kugaragaza ubwitange. Akaba yarijeje abana ko Leta nayo izakomeza guhyiraho gahunda zituma umwana w'u Rwanda arushaho kugira imibereho myiza.



### **5.1.7. IGIKORWA CYO GUHEMBA ABANA BAYOBOYE INAMA NKURU Z'ABANA MU MYAKA ICUMI ISHIZE**

Inama Nkuru y'Igihugu ya 10 y'Abana yabaye kandi uburyo bwo guhemba abana bigeze kuyobora Inama Nkuru z'Igihugu z'Abana kuva mu mwaka wa 2004 zashyirwaho. Abo bana bakaba barahawe mudasobwa ngendanwa (Laptop Computers). Iki gikorwa kikaba cyarayobowe na Nyakubahwa Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango afatanyije n'abandi bayobozi bakuru bo ku rwego rw'Igihugu ndetse n'abafatanyabikorwa.



**Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango ahemba umwe mu bana bigeze bahagararira inama z'abana ku rwego rw'Igihugu**



**Minisitiri w'Urubyiruko n'Ikoranabuhanga mu Isakazabumenyi ahemba umwe mu bana bigeze bahagararira inama z'abana ku rwego rw'Igihugu**



**Uhagarariye UNICEF mu Rwanada ahemba umwe mu bana bigeze bahagararira inama z'abana ku rwego rw'Igihugu**





**Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu ishinze Abana ahemba umwe mu bana bigeze bahagararira inama z'abana ku rwego rw'Igihugu**





Uwahembwe agaragariza abitabiriye Inama igihembo cye

## 5.2. IBIGANIRO BYATANZWE

Ibiganiro byatanzwe byibanze ku nkingi 7 za Politike y'Igihugu ikomatanya Uburenganzira bwose bw'Umwana. Ibyo biganiro bikaba byaratanzwe na Minisiteri zifite aho zihuriye n'ishyirwa mu bikorwa ry'iyi Politike hagaragazwa ibyagezweho, inzitizi ndetse n'ibiteganyije gukorwa. Hakaba haratanzwe ibiganiro 3 aribyo:

- Uburenganzira bw'umwana mu muryango n'uburenganzira bwo kurindwa;
- Uburenganzira ku buzima;
- Uburezi n'uburere by'umwana;
- Uburenganzira bw'umwana ku bimuranga no ku bwenegihugu.

### **5.2.1. UBURENGAZIRA BW'UMWANA MU MURYANGO N'UBURENGAZIRA BWO KURINDWA NO KURENGERWA**

Ikiganiro ku burenganzira bw'umwana mu muryango n'uburenganzira bwo kurindwa cyatanzwe na Nyakubahwa GASINZIGWA Oda, Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango.

Muri iki kiganiro mu byagezweho hagaragajwe bimwe muri ibi bikurikira:

- Abana 207,057 b'imfubyi n'urubyiruko batishoboye bafashijwe kwiga amashuri;
- Abana 8,680 bavanywe mu mirimo mibi ibakoreshwa, basubizwa mu mashuri abandi bigishwa imyuga (2010-2013);
- Ishyirwaho ry'Inama Nkuru y'Igihugu y'Abana ngarukamwaka ndetse n'Amahuriro y'Abana;
- Abana 2130 bavanywe mu bigo by'imfubyi bajyanwa mu miryango;
- Ubukangurambaga mu Gihugu cyose ku kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana.

Nyakubahwa Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango yagaragaje zimwe mu mbogamizi zikigaragara mu guteza imbere uburenganzira bw'umwana mu muryango harimo:

- Ababyeyi bamwe bateshutse ku nshingano zabo zo kurera;
- Abana bakiri mu mihanda;
- Abana bishora mu biyobyabwenge no mu ngeso mbi;
- Iterambere ry'ikoranabuhanga rikoreshe nabi na bamwe mu bana n'urubyiruko;
- Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rigikorera abana.

Mu biteganyije gukorwa, Nyakubahwa Minisitiri yagaragaje ibiteganyijwe gukorwa mu gihe kizaza harimo:

- Gukomeza ubukangurambaga ku babyeyi, ku rubyiruko, mu muryango nyarwanda ku bijyanye n'uburere bubonye;

- Kwimakaza imibanire myiza mu muryango;
- Gukomeza gukurikirana abana mu miryango hakomezwa gushyirwaho “inshuti z’umuryango” zikurikirana buri mwana wakiriwe mu muryango.

### **5.2.2. UBUREZI N’UBURERE**

Ikiganiro ku burezi n’uburere cyatanzwe na Bwana Rwamukwaza Olivier, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y’Uburezi ushinze Amashuri Abanza n’Ayisumbuye. Muri iki kiganiro yagaragaje ibimaze kugerwaho mu Rwanda mu guteza imbere uburezi mu myaka 20 ishize imbogamizi n’inzitizi bikigaragaramo ndetse n’ibiteganyije gukorwa mu gihe kizaza:

**Ibikorwa by’ingenzi byagezweho mu guteza imbere uburezi mu myaka 20 ishize hagaragajwe:**

- ✓ Guteza imbere amashuri y’inshuke;
- ✓ Uburezi bw’ibanze kuri bese no gushimangira ihame ry’uko nta mwana ukwiye kuba afite inzitizi zamubuza uburenganzira ku burezi bw’ibanze mu mwaka wa 2015( Education For All );
- ✓ Guteza imbere amashuri hibandwa cyane by’umwihariko ku nyigisho z’ubumenyi, ikoranabuhanga, imyuga n’ubumenyiringiro;
- ✓ Guteza imbere uburezi bw’umwana w’umukobwa;
- ✓ Guteza imbere uburezi bwihariye (Special Needs Education);
- ✓ Guteza imbere imikino ngororamubiri n’umuco mu mashuri.

**Imbogamizi, icyuho n’inzitizi byagaragaye mu byakozwe n’ingamba zafashwe:**

- Ubushobozi bw’ababyeyi budahagije mu kwiye bakira amashuri y’inshuke no kuyabonera ibikoresho;
- Umubare munini w’abana ku mwarimu umwe mu mashuri abanza (60:1);

- Umubare munini w'abana bata ishuri mu mashuri abanza (11.1%) n'Ayisumbuye (TC: 17.7%; US:6%);
- Kudohoka kw'ababyeyi mu kwita ku burezi n'uburere bw'abana babo.

**Iteganyabikorwa ry'igihe kiri imbere mu gukemura inzitizi zikigaragara mu burezi:**

- Kongera icyumba cy'ishuri ry'inshuke kuri buri shuri rifite uburezi bw'ibanze bw'imyaka 12 no gutanga imfashanyigisho mu mashuri y'inshuke(ECD kits);
- Gusana no kuvugurura inyubako zose zishaje no kongera umubare w'ibyumba by'amashuri;
- Guha imbaraga Komite z'ababyeyi n'abarimu mu rwego rwo gukumira no kugarura abana bata ishuri;
- Gutegura integanyanyigisho nshya no kuzihuguraho abarimu bo mu mashuri abanza n'Ayisumbuye ndetse no gutanga imfashanyigisho zazo;
- Kongera inyubako z'amashuri no kuyafasha kubona ibikoresho bya ngombwa;
- Kongera ibikoresho byifashishwa mu kwigisha ubumenyi mu mashuri y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 12 no guhugura abarimu;
- Guteza imbere ikorashya ry'ikorabuhanga (ICT) mu burezi.

**5.2.3. UBURENGANZIRA BW'UMWANA KU BIMURANGA NO KU BWENEGIHUGU**

Ikiganiro ku burenganzira bw'umwana ku bimuranga no ku bwenegihugu cyatanze n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ushinze Imibereho myiza y'Abaturage Madamu MUKABARAMBA Alivera. Iyagezweho byerekeranye n'ibiranga umuntu n'ubwenegihugu, imbogamizi zigaragaramo ndetse n'ingamba z'igihe kizaza.

Mu byagezweho, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yagaragaje:

- ✓ Ishyirwaho rya Politike yo guteza imbere irangamimerere aho hateganyijwe ko umwana ahabwa izina akivuka, akandikwa mu bitabo by'irangamimerere akivuka kandi agahabwa inyandiko y'ivuka izamufasha muri serivise zindi zinyuranye;
- ✓ Ishyirwaho ry'Itegeko Ngenga N° 30/2008 ryo kuwa 25/07/2008 ryerekeye ubwenegihugu nyarwanda. Muri iryo tegeko umwana ukomoka kuri umwe mu babyeyi w'umunyarwanda, umwana uvukiye mu Rwanda ku babyeyi batazwi kimwe n'umwana utoraguwe ku butaka bw'u Rwanda bafite ubwenegihugu nyarwanda.

Mu mbogamizi zigaragara mu kubahiriza uburenganzira bw'umwana ku bimuranga no ku bwenegihugu, Madamu Mukabaramba Alivera yagaragaje ibi bikurikira:

- Abana bose bavuka ntibandikishwa ku gihe n'abandi ntibandikishwa;
- Amazina y'abana anyuranye n'agaragara mu bibaranga;

Mu gukuraho izo mbogamizi no kurushaho guteza imbere uburenganzira bw'umwana muri iki cyiciro, hateganyijwe gukorwa ibi bikurikira:

- Iyandikwa ry'abana bavuka hifashishijwe ikoranabuhanga aho umwana ahabwa izina akivuka, akandikwa, akanahabwa inyandiko y'ivuka igezweho;
- Ikorwa ry'indangamuntu y'abatarageza ku myaka 16.

#### **5.2.4. UBUZIMA N'UBURYO BUBEREYE BWO KWITA KU MWANA**

Ikiganiro ku buzima n'uburyo bubereye bwo kwita ku mwana cyatanzwe na Bwana NDIMUBANZI Patrick, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y' Ubuzima ushinzwe Ubuzima rusange n' Ubuvuzi bw' ibanze. Muri iki kiganiro yagaragaje bimwe mu bikorwa bikorwa bishimangira iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana ku buzima harimo:

- Gukangurira ababyeyi kwitabira gupimisha inda kugirango hakurikiranwe ubuzima bwabo n'abana batwite;
- Gupima ababyeyi Virusi itera SIDA mu rwego rwo kurinda umwana kuyandura mu gihe ababyeyi baba bagaragayeho ubwandu;

- Guha ababyeyi inama zitandukanye zijyanye n’ubuzima bw’umwana harimo n’imirire ijyanye n’umubyeyi utwite;
- Gukingira abana bose.

### **5.2.5. IBYAGEZWEHO GUSHYIRA MU BIKORWA AMASEZERANO MPUZAMAHANGA KU BURENGANZIRA BW’UMWANA**

Iki kiganiro cyatanzwe n’uhagarariye Ishami ry’Umuryango w’Abibumbye ryita ku bana (UNICEF) mu Rwanda Madamu Noala Skinner. Muri iki kiganiro Madamu Noala Skinner yavuze ko ibikubiye mu Masezerano Mpuzamahanga ku Burenganzira bw’Umwana u Rwanda rwashyizeho umukono byagezweho ku buryo bushimishije. Mu byakozwe harimo impiduka zikomeye mu guteza imbere ubuzima n’imibereho myiza y’umwana, gushyiraho amategeko na politike zigamije kurengera abana ndetse no guteza imbere iyubahirizwa ry’ibitekerezo by’abana. Madamu Noala Skinner yagaragaje bimwe mu byo UNICEF yiteguye gukomeza gufashamo Leta y’u Rwanda mu guteza imbere uburenganzira bw’umwana harimo kurwanya no gukumira ihohoterwa rikorerwa abana, guteza imbere imibereho y’abana bato no kongerera ubushobozi umuryango.

Nyuma y’ibiganiro, abana bahawe umwanya wo gutanga ibitekerezo ndetse no kubaza ibibazo bitandukanye ku biganiro byatanzwe cyangwa se ku kindi kintu kireba abana cyangwa ubuzima bw’Igihugu muri rusange. Abayobozi bakuru b’Igihugu bakaba barafashe umwanya wo kugira icyo bavuga ku bitekerezo n’ibibazo by’abana, nyuma hafatwa imyanzuro.



Umwana uhagarariye abafite ubumuga mu Karere ka Ngoma abaza ikibazo

## 6. IMYANZURO Y'INAMA NKURU Y'IGIHUGU YA 10 Y'ABANA

Imyanzuro yafashwe mu Nama Nkuru y'Igihugu ya 10 y'Abana ikubiyemo ibyavuye mu nama z'abana zitegura Inama Nkuru zabereye ku nzego z'ibanze hagati y'itariki 28 Ukwakira n'iya 3 Ugushyungo 2014 ndetse n'ibitekerezo by'abana byavuye mu nama nyir'izina. Imyanzuro yafashwe ni 20 ikaba ikubiye mu mbonerahamwe ikurikira:

#	UMWANZURO	Ushinzwe ishyirwa mu bikorwa ry'umwanzuro by'umwihariko	Abazamufasha mu ishyirwa mu bikorwa ry'umwanzuro
1.	Kuvugurura uburyo bwo kwandika abana ku buryo bworohereza abaturage kugira ngo buri mwana wese yandikwe ku gihe giteganywa n'itegeko (Hakwiye kujyaho	MINALOC	MINISANTE, MIGEPROF, NIDA, MYICT



	uburyo bw' ikoranabuhanga ndetse no gukorana n'ibigo nderabuzima n'ibitaro umwana yavukiyemo)		
2.	Koroshya uburyo byo guhindura izina igihe bigaragagara ko ritera ipfunwe umwana	MINIJUST	MINALOC
3.	Koroshya uburyo ikizamini cya ADN ikoreshwa mu kwemeza ko umubyeyi runaka ari se w'umwana cyabonwa na buri wese ukeneye iyo serivisi mu gihe umwana yihakanwa n'umubyeyi	MINIJUST	MINISANTE, RNP
4.	Kongera umubare w'imiryango yitabira gahunda yo kuboneza urubyaro kugira ngo ababyeyi babyare abo bashoboye kubonera ibyangombwa byose	MINISANTE	MIGEPROF
5.	Gukora ubuvugizi bwihuse no gushakira bidatinze ubufasha abana babaruwe mu Midugudu bugarijwe n'ibibazo kurusha abandi mu miryango hashingiwe ku kibazo cya buri mwana	NCC	MINALOC, MIGEPROF, DISTRICT
6.	Gushyiraho gahunda ihoraho yo gukurikirana ku buryo bwihariye no gufasha ingo	NCC	MINALOC, MIGEPROF, DISTRICT

	ziyoborwa n'abana bibana		
7.	Kugenzura uko abana bavanywe mu bigo barererwagamo muri gahunda yo kubarerera mu miryango babayeho	NCC	MINALOC, MIGEPROF, DISTRICT
8.	Gufasha abana bafite ubumuga kubona insimburangingo kugira ngo bajye babasha kugera ku mashuri n'ahandi hose	MINALOC	NCPD, ABAFATANYABIKORWA
9.	Gukora ku buryo abana bose biga mu mashuri y'uburezi bw'ibanze bahabwa ifunguro	MINEDUC	WFP, MINAGRI, MINISANTE
10.	Gukora ubuvugizi kugira ngo abana bo mu nkambi bahabwe indyo yuzuye	MIDIMAR	NCC, MINAGRI, UNHCR, WFP
11.	Gukora ubuvugizi kugira ngo gahunda yo gukebwa (Gusiramurwa) ku bana b'abahungu ikorwe hifashishijwe ubwisungane mu kwivuzza(MUTUELLE DE SANTE)	MINISANTE	RSSB, ABAFATANYABIKORWA
12.	Kongerera amarerero y'abana b'inshuke no kuyashakira abarezi babihuguriwe kandi agashyirwa mu igenamigambi rya MINEDUC, MIGEPROF n'Uturere twose	MINEDUC	MIGEPROF, NCC, Uturere, ABAFATANYABIKORWA

13.	Kongera amashami y'ibyigishwa muri gahunda y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 12 ( 12 YBE)	MINEDUC	REB
14.	Gushyiraho uburyo bwo gufasha abana baba mu nkambi gukomeza icyiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye muri 12YBE	MINEDUC	MIDIMAR, REB, UNHCR
15.	Gushyiraho urwego rushinzwe kwita no gukurikirana uburenganzira bwose bw'umwana kuri buri Mudugudu	NCC	MIGEPROF
16.	Gufasha abana bafite ubumuga bwo kutumva no kutabona kubona ibibafasha kwiga nka "Laptop" zifitemo ururimi rw'amarenga	MINEDUC	MYICT, NCPD, ABAFATANYABIKORWA
17.	Gushyiraho ishami ryihariye muri buri rukiko rishinzwe kuburanisha imanza z'ibyaha bikorerwa abana	MINIJUST	
18.	Gushyiraho ukwezi kwihariye mu rwego rwo kunganira abana mu by'amategeko	MINIJUST	NCC, ABAFATANYABIKORWA
19.	Kongera ingufu muri gahunda zo gukumira no kurwanya ikibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina	MIGEPROF	MININTER, MINIJUST, NCC, GMO, RNP,

	n'icuzuzwa bikorerwa abana		
20.	Kongerera ubushobozi amahuriro y'abana guhera ku Mudugudu kugeza ku Karere	NCC	Uturere, ABAFATANYABIKORWA

## 7. UMUSOZO

Inama Nkuru y'Igihugu ya 10 y'Abana yagenze neza ikaba yaritabiriwe cyane ugereranyije n'inama zayibanjirije. Mu ijambo risoza, Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango Nyakubahwa Gasinzigwa Oda yasabye abari bateraniye mu nama kuzagaragaza ubufatanye mu gukurikirana ishyirwamubikorwa ry' imyanzuro yayifatiwemo.

## 8. IMIGEREKA

### 8.1. GAHUNDA Y'UMUNSI

Time	Activity	Responsible
<b>Opening ceremony</b>		
7:00-8:00	Arrival of children	Protocol
8:00-9:00	Arrival of invitees	Protocol
9:00-9:30	Arrival of VIP guests	Protocol
9:30-10:00	Viewing of a documentary film on achievements made in child rights and protection	All participants
10:00	Arrival of the Guest of Honour	Protocol
10:00-10:05	National Anthem	All participants
10:05-10:10	Remarks by Rwandan Children's representative	Child
10:10-10:25	Remarks by Children representing EAC Partner States (Burundi, Uganda, Kenya and Tanzania)	Children
10:25-10:30	Art Piece by the Children	Children
10:30-10:40	Speech by the representative of partners	Representative of One UN
10:40-10:45	Poem by a Child	Child
10:45-10:50	Welcome note by Minister/MIGEPROF	Minister/MIGEPROF
10:50-11:20	Keynote speech by the Guest of Honour	Guest of Honour
11:20-11:25	Entertainment	Children
11:25-11:35	Awards for children's representatives	Guest of Honour
	Group Photo	Official photographer
	Coffee break	Hotel
<b>Panel</b>		

12:00-12:30	<b>Advancing Child Rights in Rwanda: Best practices, Challenges, Gaps and Future Perspectives</b>	<b>Chair:</b> Child <b>Members of the Panel:</b> PARTNER'S REPRESENTATIVE MIGEPROF MINEDUC MOH MINALOC A CHILD
12:30-1:00	<b>Discussions</b>	<b>All participants</b>
1:00-1:20	<b>Entertainment</b>	<b>All participants</b>
<b>Closing ceremony</b>		
1:20-1:30	Recommendations of the 10 <sup>th</sup> National Children's Summit	Child
1:30-1:45	Closing	Minister/MIGEPROF
1:45-2:40	Lunch	Hotel & Participants

## **8.2. UBUTUMWA BW'INGENZI BWATANZWE MU NAMA**

### **8.2.1. IJAMBO RY'UMWANA UHAGARARIYE ABANDI MU RWANDA**

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe;

Bayobozi muteraniye hano mu nzego zitandukanye;

Bana bagenzi banjye;

Mwaramutse,

Mu izina ry'abana bose bo mu Gihugu mpagarariye, uyu muni turishimira intambwe Igihugu cyacu kimaze gutera mu Iterambere ry'Abanyarwanda mu nzego zose.

By'umwihariko, abana turishimira ibyakoze mu rwego rwo kubungabunga no guteza imbere uburenganzira bw'umwana mu myaka 20 ishize twibohoye; imyaka 10 Igihugu cyacu gishyizeho inama z'abana ziba buri mwaka ndetse n'imyaka 25 hashyizweho amasezerano mpuzamahanga ku burenganzira bw'umwana kandi n'Igihugu cyacu cyashyizeho umukono.

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, ndabizeza ko impanuro muduha mu kwizihiza ibi birori zizakomeza kutubera impamba izatuma twiyubaka twubake n'Igihugu cyacu. Ariko nkaba nasaba ko imyanzuro iva muri iyi nama yazashyirwa mu bikorwa n'inzego bireba.

Mu kurangiza ndashimira abana bagenzi banjye baturutse mu bice bitandukanye by'Igihugu cyacu ndetse na bagenzi bacu bahagarariye Ibihugu bigize Afurika y'Iburasirazuba kuba baremeye ubutumire bwacu bakaza kwifatanya natwe muri ibi birori.

Sinarangiza ntongeye gushimira ubuyobozi bwiza bw'Igihugu cyacu ndetse by'umwihariko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ndetse na Madamu we uburyo bakunda abana. Iyo turebye urwo rugero rwiza batanga, biduha umurongo ndetse n'amahirwe yo kuzaba

ababyeyi beza b'ejo hazaza bihesha agaciro bakagahesha n'Igihugu cyabo. Murakoze mugire inama nziza

### **8.2.2. IJAMBO RY'UMWANA UHAGARARIYE KENYA**

Right Honorable Prime Minister of the Republic of Rwanda

Government Officials

UN Representatives in Rwanda

Development Partners

Civil Society Organisations

My fellow children

All Protocols observed

**Ladies and Gentlemen**

**Good Morning**

It is with profound pleasure that I stand here today to celebrate with you 20 years of liberation, 25<sup>th</sup> Anniversary of the UNCRC and now the 10<sup>th</sup> National Children's Summit on the theme "20 Years and Beyond: Advancing Child Rights".

**Ladies and Gentlemen,**

The Kenyan Children delegation is honoured to be part of these celebrations and we are enjoying the climate. Thank you for the warm welcome and hospitality.

The Kenyan Constitution of 2010 spells the rights of its citizens and especially the Bill of Rights. It also spells out the protection of all the children from any form of violence, torture and physical and psychological abuse, including corporal punishment.

Through the Devolved Government, Kenya has provided an avenue which seeks to provide services closer to the people as well as children.



In her efforts to address its children matters, Kenya has formulated policies and legislations on different aspects of children issues like Labour, Education, Health, drug abuse, human-trafficking, violence, abuse and exploitation among others.

Kenya has different Acts which spell out harsh penalties for any person charged with offences touching on children issues e.g the sexual offences Act, 2006; Female Genital Mutilation Act; Counter-Trafficking in Persons Act, 2010; Employment Act, 2007; Basic Education Act, 2013 among others. These policies are in the view of making Kenya a better place for children to live in.

Kenya has achieved key milestones in implementing the Children's Act, 2001, ACRWC and UNCRC in protecting and upholding children's rights. There is in place a National Council for Children services and a Children's Department under the Ministry of Labour, Social Security and Services.

### **Ladies and Gentlemen,**

We would want to congratulate the Kenyan Government for taking key actions to enhance child participation by aiding the establishment of avenues where children can meet and discuss matters that pertain to them. In Kenya today, we have the Children Assemblies at both the National and 47 countries. We also have Students Councils, Children's Club in schools where children participate on issues affecting them while in school. Children also participate in informing the UNCRC and ACRWC reporting on children issues.

The Kenyan Government has been in lead to protect the rights of children through campaigns, awareness creation, reviewing the school curriculum to have a section on children's rights, training of police, judicial officers and magistrates on child protection.

Kenya has a toll free line 116 which children and any other person can call and report on child abuse and exploitation. There are also Child Protection Units (CPUs), Gender desks at the police station and Child Protection Centres (CPCs). Kenya has a cash transfer for

Orphans and Vulnerable Children and advocates for family environment for children and alternative family care for children.

**Ladies and Gentlemen;**

The Government seeks to promote free compulsory basic education. The Government has increased the budget for Early Childhood Education, gives bursaries and provides support for feeding programs in schools.

On name and nationality, every child has the right to a name and the government has been keen to sensitize the public on the importance of registering children at birth.

The Government also provides free maternal health care in all public health facilities and medical care for children under the age of five.

**Ladies and Gentlemen,**

We are pleased with Rwanda's development over the 20 years in promoting children's rights. This is in view of many achievements including one laptop per child project, free and compulsory basic education, formulation of policies and legal and institutional framework to support children. Rwanda has also taken a great step to establish Children's Forums and the National Commission for Children which has done a recommendable job to even organise this summit. Let me also congratulate Rwanda which seeks to ensure girls are immunized against uterus cancer.

The children from Kenya have learnt a lot since our interaction with the Rwandan Children representatives from Sector and District level and we have identified good practices that we borrow on significant aspects like the uterus cancer immunisation, inviting EAC children delegates in our children forums just to mention a few.

**Finally,**

We request the East African Countries to borrow from our best practices. We sincerely want to thank the Rwandan Government for inviting Kenyan children to be part of this Summit and the celebrations.

**GOD BLESS EAST AFRICAN COMMUNITY  
OUR CHILDREN OUR RESPONSIBILITY  
THANK YOU**

### **8.2.3. IJAMBO RY'UMWANA UHAGARARIYE UGANDA**

Rwanda Oyee  
Rwanda Oyee  
President Kagame Juu

The Guest of Honour,  
Hon. Members of Parliament,  
Officials from the Government,  
Partners,  
The Media,  
Fellow Children,

Ladies and Gentlemen,

All protocol observed

Good Morning, Mwramutse

My name is Izabella Kansiime, I am proud to be Ugandan, I am 16 years old.

On behalf of the Government of Uganda and all the Children of Uganda, I would like to thank the organizers for supporting our participation in this very important summit. We thank the Government of Rwanda, Ministry of Gender and Family Promotion, NCC Rwanda and partners.

We are indeed delighted to be a part of this very important summit when you celebrate the achievements of this Country for the last 20 years in advancing Children's rights and the commemoration of 25 years of the UNCRC.

A wise man once said, that you do not measure the development of the country, by how many tall buildings, nice roads and cars it has, but by how much investment that has been done in its citizens.

We in Uganda applaud Rwanda for the deliberate and strategic investment in the children and the young people of this country for you are rightly creating a critical and competent mass of future men and women that will take this country to even greater heights.

Another wise man also once said, that a successful man is not measured, by his accomplishments, but by the quality of his successors, successors that have been groomed and are proficient enough to grow his original vision to grander stature.

### **What Uganda has done to implement the UNCRC**

As we join Rwanda to celebrate 20 years in advancing the children's rights and commemorating 25 years of the UNCRC, we would like to share what Uganda has done to implement the UNCRC in the last 25 years;

1. Firstly, Uganda ratified the UNCRC in November 1990, committing itself to implement all the provisions of the convention;

2. This was followed by a number of actions to domesticate the treaty. The Children's Act 2000 was developed and was essentially a means to translate the UNCRC provisions into local and applicable laws and policies to suit our Ugandan context;
3. In 1996, the government of Uganda also established the National Council for Children whose mandate is to advocate and monitor all policies and programs on children;
4. In 2000, spearheaded by the National Council for Children, the Country developed the National Program Plan of Action, a multi-sectoral plan to guide a holistic delivery of services for children across the country;
5. In 1997, Uganda also introduced free and compulsory Universal Primary Education – where all children from the age of 6 can attend free education;
6. To harness the fruits of Universal Primary Education, Uganda also introduced the Universal Secondary Education to be able to absorb the products of the Universal Primary Education;
7. Also, in Uganda, all children and mothers infected with HIV/AIDS access free care and treatment. This is to mention but a few achievements.

Although we may still have a few challenges, our government, in collaboration with partners is working around the clock to halt, and reverse these challenges.

**Participating in this summit has given us a platform to pick a few lessons, for instance;**

1. Creating a structure where children participate, right from the village level to the national level, is something that we have picked up and we promise to convince our Government to support its strengthening in Uganda.
2. Together with that, the Idea of an annual National Children Summit, is also something we must take on and we believe that next year we shall also invite you to the first ever Uganda National Children's Summit.
3. Patriotism, unity, courage, confidence and resilience are other things that we have picked from our fellow children and these, we promise to take on, once we return home.

As I conclude, we as Uganda, call upon the whole of East African governments to further strengthen the efforts towards realizing regional peace, for the safety and proper development of our children.

Together we can make East African fit for Children

Thank you for listening.

For God and my Country

#### **8.2.4. IJAMBO RY'UMWANA UHAGARARIYE TANZANIYA**

Right Honorable Prime Minister of the Republic of Rwanda

Government officials,

UN Representatives in Rwanda,

Representatives from national and International Organizations working for and with children in Rwanda,

Representatives of civil society organizations,

Distinguished participants,

My fellow children

#### **Ladies and Gentlemen.**

Allow me first of all, on behalf of the children of the United Republic of Tanzania to take this opportunity to express our gratitude for the invitation to attend this children summit. Thank you very much for your consideration.

Let me also take this opportunity to congratulate the organizers of this event which reminds the East African citizens on the importance of investing in children as a matter of fact that majority of the population of East African Countries comprise of children thus,



empowering these children has got a significance role of empowering the economy of these countries.

As we are celebrating the 10<sup>th</sup> anniversary of the Children’s Summit under the theme “**20 Years and beyond: Advancing Child Rights in Rwanda**” together with 25<sup>th</sup> anniversary of the UN Convention on the Rights of the Child, the United Republic of Tanzania has achieved the following as far as child rights and welfare is concerned:

1. Enactment of the law of the Child Rights which harmonizes all laws which touch the welfare of the child and at the same time provide conducive environment for handling issues related to the welfare and development of the child;
2. Establishing a Child Help Line that provides a conducive platform for children to express themselves when they need necessary guidance for rehabilitation;
3. Establishing the Junior Council of the United Republic of Tanzania which provides a platform for the children to discuss various issues related to the welfare and development on one hand and question the Government on the implementation status of the various children issues as stipulated in the CRC on the other hand;
4. Establishing the child protection system which aims at preventing and responding to issues related to violence against children. This is an ongoing initiative as it started in pilot areas and now it is mainstreamed in the whole country. Just to mention a few of them.

**With these few remarks, once again thank you all for listening and let's build together East Africa fit for Children**

#### **8.2.5. IJAMBO RY’UMWANA UHAGARARIYE UBURUNDI**

Son Excellence Monsieur le Premier Ministre de la Republique du Rwanda,

Excellence Ministres,

Représentant des Organisations des Nations Unies au Rwanda,

Représentant de la Societe Civile,

Distingues invitees et participants,

Chers Collegues Enfants,

Au nom de tous les enfants du Burundi et en particulier nous qui sommes venus participer à ce 10<sup>ème</sup> Sommet National des Enfants sous le thème “20 plus et plus: Continuons à promouvoir les droits de l’enfant au Rwanda”, nous remercions très vivement le Gouvernement Rwandais en particulier le Ministère du Genre et de la Famille et la Commission Nationale des Enfants de la République du Rwanda.

Le Burundi aussi s’est joint à d’autres pays du monde pour améliorer les droits des enfants.

On peut citer:

- La journée du 16 Juin dédiée aux enfants et célébrée chaque année;
- Le Forum de l’espoir des enfants qui avait réunis des enfants des 12 pays de l’Afrique;
- L’enregistrement immediate des enfants après la naissance;
- L’éducation gratuite pour tous;
- Les soins médicaux gratuits pour tous les enfants de moins de 5 ans;
- La maternité gratuite.

Pour promouvoir les droits de l’enfant, le Burundi a adopté le code de protection de l’enfant et la politique nationale pour la protection de l’enfant (2012-2016). Pour cela il a mis en place des structures de protection de l’enfant. Nous citerons:

- Les centres de développement familial et communautaire (CDFC) au niveau de toutes les Provinces du pays;
- Des Comités de Protection de l’Enfant (CPE) dans toutes les collines Communes et Provinces du pays;
- Un Comité Technique de Coordination Nationale pour la Protection de l’Enfant (CTCNP) au niveau national.

A la fin de ce sommet nous acquérons des expériences des 4 autres pays en matière de protection, promotion des droits des enfants.

Je vous remercie

## **8.2.6. IJAMBO RY'UHAGARARIYE ABAFATANYABIKORWA**

**Nyakubahuwa, Rt. Honorable Anastase Murekezi, Prime Minister of the Republic of Rwanda,**

**Nyakubahuwa, Honourable Minister of Gender and Family Affairs,**

**Ba Nyakubahuwa, Honorable Ministers,**

**Honourable Members of Parliament,**

**Chairperson, National Commission for Children,**

**The President of the National Children's Forum,**

**Senior Government Officials here Present,**

**Lord Mayor of Kigali, Provincial Governors and Mayors,**

**Excellencies, Ambassadors and Heads of Diplomatic Missions and Development Cooperation Agencies,**

**Colleagues from the One UN Rwanda Family,**

**Representatives of NGOs, the Private Sector and the Media,**

**Distinguished Guests, Ladies and Gentlemen &**

**Our Bana Beza**

Mwaramutse neza?,

Good morning

The Rt Honourable Prime Minister, I would first of all like to say how privileged and honoured I feel to make this opening statement on behalf of the One UN Rwanda Family and to join these landmark celebrations today. After all it is all about you, our dear and precious Children.

